REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Rwanda Meteorology Agency

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°25/2018: **Nzeri igice cya1: 01–10 Nzeri 2018**

Ryoherejwe kuwa 12 Nzeri 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse kuva taliki 1-10_Nzeri_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu majyaruguru y'uburengerazuba; ikaba nkeya mu Burasirazuba bwose ugereranyije n'imvura isanzwe igwa hose mu gihugu;
- Igipimo ku bubobere bw'ubutaka bwerekana igabanuka kubera imvura nke yabonetse henshi mu gihugu
- Mu gice cya kabiri (11-20) cya Nzeri_2018; hateganyijwe ibihe bisanisha n'ibyo twagize mu gice cya mbere cya Nzeri_2018

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere cya Nzeri_2018; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu majyaruguru y'uburengerazuba; ikaba nkeya mu Burasirazuba bwose ugereranyije n'imvura isanzwe igwa hose mu gihugu

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 01-10_Nzeri_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	01-10_Nzeri_2018	01-10_Nzeri
Kigali	3.1	20.4
Rusizi (Kamembe)	28.8	34.5
Rubavu (Gisenyi)	65.8	42.4
Nyamagabe (Gikongoro)	29.2	36.8
Ngoma (Kibungo)	12.7	17.1
Gicumbi (Byumba)	20.6	36.3
Busogo	78.3	48.4
Bugarama	43.9	18.4
Musanze (Ruhengeri)	81.3	47.3
Gitega	1.4	32.6
Rubengera	32.4	42.8
Byimana	39.0	29.5
Kawangire		24.4
Nyagatare	0.3	39.6

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye 01-10_Nzeri_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye 21-31_Kanama_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Nzeri_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Nzeri



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 21-31_Kanama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 21-31_Kanama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-10_Nzeri_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 01-10_Nzeri; cyagaragaje imvura yabaye nyinshi mu majyaruguru y'uburengerazuba; ikaba nkeya mu Burasirazuba bwose ugereranyije n'imvura isanzwe igwa hose mu gihugu; ahandi mu gihugu hagaragara imvura iri ku kigero cy'isanzwe ihaboneka muri iyo minsi (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**'Imbonerahamwe1**). Naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 21-31_Kanama_2018; cyagaragaje imvura iri ku kigero cyo hejuru y'imvura isanzwe igwa kuri buri bupimiro hose mu gihugu (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Kanama.2018 igice cya gatatu

Ikarita5: Nzeri.2018 igice cya mbere

Kuva taliki ya 21_Kanama kugeza 10_Nzeri_2018; ububobere bw'ubutaka bwerekana igabanuka kubera imvura nke yabonetse henshi mu gihugu uretse amajyaruguru y'uburengerazuba habonetse imvura nyinshi mu bice byombi uko bikurikirana Amashusho kandi yerekana ko ubuhehere bw'ubutaka buri ku kigero kibereye ibihingwa henshi mu gihugu (reba Ikarita 5&6)

b) Iteganyagihe ry'igice cya kabiri Nzeri_2018

Mu gice cya kabiri cya Nzeri_2018; hateganyijwe ibihe bisanisha n'ibyo twagize mu gice cya mbere cya Nzeri_2018:

- Umujyi wa Kigali: imvura nke (mm 10-40: imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka)
- Intara y'Uburasirazuba: imvura nke (mmm 0-30: imvura iri ku kigero cy'isanzwe iboneka)
- Intara y'Amajyepfo: hateganijwe imvura iminsi myinshi y'iki gice (mm 10-70 z'imvura: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe iboneka)
- Intara y'Amajyaruguru: imvura mu minsi yose (mm 30-100 z'imvura: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe iboneka)
- Intara y'Uburengerazuba: imvura mu minsi yose (mm 40-100 z'imvura: imvura iri ku kigero cyo hejuru y'isanzwe iboneka)

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe gice cya kabiri cya Nzeri_2018



Ikarita7: Nzeri.2018 igice cya kabiri

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)